REPUBULIKA Y'U RWANDA **URWEGO RW'UMUVUNYI**

IMPINDUKA KU BIJYANYE NO GUSUBIRISHAMO URUBANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE

Urwego rw'Umuvunyi runejejwe no kumenyesha abarugana basaba ko imanza batsinzwe zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ko ku itariki ya 02/06/2018 hasohotse Itegeko rishya N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena Ububasha bw'Inkiko rikaba riteganya impinduka ku bijyanye no gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane ugereranyije n'uburyo bisanzwe bikorwa. Zimwe muri izo mpinduka ni izerekeranye n'inzira ikurikizwa mu gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane n'igihe ntarengwa cyo kubisaba. Bityo, gusaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bikorwa mu buryo no mu bihe bikurikira:

1. Iyo umuburanyi abonye hari akarengane kagaragara mu rubanza rwe, yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, akaba ari we usuzuma ako karengane.

2. Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, ubusabe bushyikirizwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Icyemezo afashe ku isuzuma ry'akarengane kiba ari ndakuka, nta rundi rwego rugisuzuma.

3. Iyo Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma akarengane mu rubanza asanze akarengane kavugwa kagaragaramo, ahita yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Iyo Perezida w'Urukiko asanze nta karengane karimo, yandikira umuburanyi abimumenyesha.

4. Umuburanyi ntashobora gushyikiriza ikibazo Urwego rw'Umuvunyi atabanje kugishyikiriza Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma. Umuburanyi yandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko rwasuzuma akarengane ari uko atanyuzwe n'igisubizo yahawe na Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma akarengane. Kubera iyo mpamvu, muri dosiye y'umuburanyi usaba Urwego rw'Umuvunyi gusuzuma akarengane yagiriwe mu rubanza, hagomba kuba harimo inyandiko ikubiyemo igisubizo

yahawe na Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma akarengane. Icyakora, Urwego rw'Umuvunyi ntirufite ububasha bwo gusuzuma urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire.

5. Gusaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane bisabwa Urwego rubishinzwe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi umuburanyi yamenyesherejweho imikirize y'urwo rubanza asabira gusubirwamo. Mu gihe impamvu ishingirwaho mu gusaba ko urubanza rusubirishwamo ari uko rudashobora kurangizwa hakurikijwe imikirize yarwo; icyo gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kibarwa guhera igihe byagaragaye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe n'inyandiko y'Umuhesha w'Inkiko.

6. Gushyikiriza ikibazo Urwego rw'Umuvunyi na byo bikorwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kibarwa guhera igihe umuburanyi yaherewe igisubizo na Perezida w'Urukiko rwari rwasabwe gusuzuma akarengane.

7. Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohererezа Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanisha cyangwa akarwohereza mu rundi Rukiko rwisumbuye ku rwaciye urubanza bwa nyuma, mu gihe asanze urwo rubanza nta murongo wihariye rwatanga ku zindi nkiko.

8. Gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibihagarika irangiza ry'urubanza. Icyakora, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rwongera kuburanishwa ku mpamvu z'akarengane ariko rutararangizwa, irangizwa ryarwo rihita rihagarara kabone n'iyo imihango yo kururangiza yaba yaratangiye.

9. Imanza zisaba gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntizitangirwa ingwate y'amagarama kandi ntizishobora kongera kujuririrwa.

Icyitonderwa: *Nta cyahindutse ku bijyanye n'impamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane.*

Bikorewe i Kigali, ku wa 05/06/2018

YANKULIJE Odette

Umuvunyi Wungirije ushinzwe Gukumira no Kurwanya Akarengane